UMUTI WAWE: Metoprolol miligarama ___

Kuki nahawe uyu muti? Ufite umuvuduko mwinshi w'amaraso. Umuvuduko mwinshi w'amaraso watera akaga utavuwe. Watera guturika kw'imitsi yo mu bwonko no guhagarara k'umutima. Ushobora gupfa uzize umuvuduko mwinshi w'amaraso utavuwe.

Fata ikinini 1 buri munsi igihe uri kurya

Ni iki nziyumvamo mu gihe mfata uyu muti? Rimwe na rimwe haba ingaruka zitewe no gufata uyu muti. Ingaruka ni ikintu kidasanzwe ushobora kwiyumvaho. Zimwe mu ngaruka ziterwa no gufata Metoprolol ziza mu gihe umubiri wawe ugenda umenyera uyu muti zishobora kuba kuzengera, impiswi, umunaniro, uburyaryate bworoheje cyangwa kuzana utuntu dutukura ku ruhu.

Zimwe mu ngaruka ntizibaho kenshi ariko zishobora kugira ubukana buhanitse. **Hamagara 911 cyangwa wihutire kujya mu cyumba cyita ku ndembe nugira: gufurutwa, kubyimba isura, iminwa, ururimi cyangwa inkanka; cyangwa ugorwa no guhumeka.**

Ni iki kindi namenya?

1. Ugomba gufata uyu muti buri munsi n'ubwo waba wumva umeze neza.
2. Ugomba kongera guhabwa uyu muti buri kwezi.
3. Nujya ku wundi muganga, irindi vuriro cyangwa icyumba cyita ku ndembe, ugomba kubabwira ko ufite umuvuduko mwinshi w'amaraso kandi ko ufata Metoprolol.
4. Niba baragusuzumye bagasabga ufite ikibazo gikomeye cy'umutima, ikibazo gikomeye cyo gutembera kw'amaraso cyangwa kunanirwa k'umutima cyangwa warigeze kugira gutera buhoro k'umutima byatumye ugwa igihumure, ntiwafata uyu muti. Bibwire muganga ako kanya.
5. Niba ugira ukwivumbura k'umubiri guterwa n'imiti ikora ku mutima cyangwa ku gutembera kw'amaraso ntiwafata uyu muti. Izina ry'uyu muti rishobora kuba Atenolol. Bibwire muganga ako kanya.

Ibikubiye mu makuru ajyanye n'ubuzima aboneka kuri uru rubuga bigamije kumenyesha gusa, ntibigomba gufatwa nk'inama zihamye za muganga. Igihe ufite ibibazo bijyanye n'ubuzima cyangwa ubuvuzi, jya ubaza muganga wawe cyangwa undi muntu wahuguriwe gutanga servisi z'ubuvuzi wemewe.